# 1: Urukundo ruhebuje

1.
Urukundo ruhebuje, gend' urwogeze hose. Urukundo ruhebuje, n'indirimbo ya mbere.Yaririmbwe na marayika, yumvikana mu bashumba. Twishimiye kumenya ko haj' urukundo rw'Imana.

Ref:
Urukundo! Urukundo! Urukundo! Ngurw' urukundo rw'Imana.

2.
Urukundo ruhebuje, rushak'uwazimiye. Urukundo ruhebuje rurakubabarira.Jya kuri ya soko nziza, ituruk' i Gologota. Uzaboner' ubugingo mu rukundo ruhebuje.

3.
Urukundo ruhebuje, rutugeza mw ijuru. Urukundo ruhebuje, tuzanezerwa cyane.Mw ijuru nta ndwar' ibayo, nta rupfu ruzagerayo. Twakijijwe n'urukundo rwinshi rw' Iman' ihoraho

Visit us at indirimbo.com